REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI.-

Kigali, le 11 AOUT 1987

N° 2944 /15.08.01

Dir sports
Votre attention pour personnes à désigner -
11/8/87

Monsieur le Directeur du Projet
Charles LWANGA
CCF B - AFFILIATED PROJECT 3561
B.P. 77 KIGALI.-

OBJET: Demande d'utilisation du Stade Régional de NYAMIRAMBO.

Monsieur le Directeur,

Faisant suite à votre lettre n°063/87/DR/SA du 27 Juillet 1987 relative à l'objet sous rubrique, j'ai l'honneur de vous informer que le Stade Régional de Nyamirambo est mis à votre disposition pour la journée du 15 Août 1987 en vue des différentes sortes de manifestations qui s'y dérouleront.

Cependant vous devrez désigner un personnel qui aidera les 4 agents que vous aurez du Ministère de la Jeunesse et du Mouvement Coopératif à nettoyer la piste et tracer les couloirs. Ces mêmes personnes seront membres du jury pour l'athlétisme, alors que pour le jury d'animation, 2 autres seront nommés. Quant aux arbitres de volleyball et de football, vous pourrez vous adresser aux Présidents des Fédérations respectives ou à l'encadreur Préfectoral dont copies leur réservées et qui vous faciliteront la tâche.

Veuillez croire, Monsieur le Directeur, en l'assurance de ma haute considération.

C.P.I.à:
- Monsieur le Président de la FERWAFA-KIGALI
- Monsieur le Président du CNDVB KIGALI
- Monsieur l'Encadreur Préfectoral de la Jeunesse et des Coopératives KIGALI

Le Ministre de la Jeunesse
et du Mouvement Coopératif
NDINDILIYIMANA Augustin
Lt Col BEM.

REPUBLIQUE RWANDAISE - MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DU MOUVEMENT ...

MUGEMA Romuald
Secrétaire Général

CHARLES LWANGA F.H.P.
BØRNEfonden
B.P. 77
K I G A L I

Kigali, le 27 Nyakanga 1987
Réf. 063/87/DR/SA

Bwana Ministri w'Urubyiruko
no gutsura za Koperative
B.P. 1044
K IGALI

CCF BØRNEFONDEN
BP 504-KIGALI-RWANDA

Byerekeye: Gutira ikibuga cya stade régional, gusaba ba arbitres n'abagize jurry.

Binyujijwe kuli Directeur-Résident
wa BØRNEfonden mu RWANDA
B.P. 504
KIGALI

A traiter par DGSJ
Date entrée : 29/7/87
N° Classement : 5656/15.08

Bwana Ministre,

Nkuko twabigenje mu kwezi kwa munani kw'umwaka ushize, n'ubu twateguye imikino izahuza urubyiruko rwo mu mishinga ifashwa na BØRNEfonden; icyakora uyu mwaka wo ufite akarusho ko kuzatangira ibikombe muli za "zones".

Kubera ko imishinga yo muli zone y'u RWANDA rwo hagati "central zone" izabera i Kigali kuli 15 na 16 Kanama 1987, mbandikiye mbasaba ibi bikulikira:

1) Kudutiza ikibuga cya stade régional kuli 15/8/1987 mu gitondo gusa kugirango hazabere amarushanwa ya animation, kulilimba n'ingororangingo kuko hali za pistes.
2) Kuduha abazatanga amanota (jurry) muli iyo mikino.
3) Kuduha abasifuzi ba volley ball na Football. Iyo mikino izabera ku bibuga bya centre islamique kuli 16/08/1987 mu gitondo hazaba volley ball naho nimugoroba habe football.

Hamwe n'iyi baruwa, mboherereje amategeko yihaliye azagenga iyi mikino kandi twizeye ko muzabidufashamo kugirango urubyiruko rufashwa n'imishinga yacu ruzidagadure, rwitoreza kuba alirwo ruzahesha ishema u Rwanda rwacu mu minsi ili imbere.

Mugire amahoro.

MUNYABERA Métuchélah
Umuyobozi w'Umushinga CHARLES LWANGA F.H.P

CHARLES LWANGA F. H. P.
CCF B-AFFILIATED PROJECT 3561
B.P. 77 KIGALI

| | | |
|---|---|---|
| Byohererejwe | : | Imishinga yose ya BORNEFONDEN |
| Byoherejwe na | : | Mohamed A. Yunis<br>Diregiteri Rezida |
| Italiki | : | 21 Gicurasi 1987 |
| Ingingo Ivugwa: | | <u>AMATEGEKO AGENGA IRUSHANWA LY' IMIKINO GAKONDO N' ANIMASIYO HAGATI Y' IMISHINGA YA BORNEFONDEN MU RWANDA</u> |

Nkuko byagenze mu mwaka ushize 1985/1986, ibiro bikuru by'i Kigal bya BORNEFonden byateganije irushanwa ly' imikino gakondo, animasiyo indilimbo, imivugo,umupira w' amaguru n uwintoki hag hagati y' ibigo by' urubyiruko rw' imishinga yo mu Rwanda ya BORNEFonden.

<u>Ingingo ya mbere</u>

Amatorero azarushanwa azibanda cyane cyane ku mikino gakondo ya Kinyarwanda yaba iyakera , iy' ubu na "slogans" aliko bikaba bitaratangajwe kuli Radiyo. Amagambo azaba akubiye muli iyo mikino na " slogans" agomba kujyana n' inteko zili rushanwa. Umukino wose ugomba kumara igihr kitali hasi y' iminota cumi n' itanu kandi kitarenze iùinota makumyabili. Hazabanza indilimbo hakulikireho umuvugo haheruke animasivo.

<u>Ingingo ya kabili</u>

1) Ilyo rushanwa ligamije kwamamaza no gusobanura kurushaho imigambi n' ibikorwa bya BORNEFonden mu Rwanda cyane cyane mu rubyiruko ruli mu bigo by' imishinga ya BORNEFonden.

2) Ligamije kurushaho gucengeza amatwara na politiki ya M. R. N. D. MU rubyiruko rw' imishinga ya BORNEFonden kugirango rurusheho kumenya ko igihugu kibitayeho.

3) Ilyo rushanwa ligamije kandi gushyigira no guteza imbere imikino gakondo ya kinyarwanda cyane cyane mu rubyiruko.

<u>Ingingo ya gatatu</u>

Irushanwa lizakorwa hakulikijwe uturere uko ali dutanu 5 Bazarushanwa ku mataliki akulikira (finale) kandi irushanwa lihuze amatorero yose y' imishinga ili muli ako karere.

Dore uko utwo turere duteye, italiki y' irushanwa, aho bazahurira n' abashinzwe gutunganya aho bazahulira;

| AKARERE | ITALIKI | IKIBUGA | ABABISHINZWE |
|---|---|---|---|
| 1. Amajyepfo | 1-2 Kamena 87 | Butare | Niyindereye TH.<br>Ngarambe B. |
| 2. Uburasirazuba | 8-9 Kamena 87 | Rwamagana | Kalisa A.<br>Nsengiyumva E. |
| 3. Hagati | 15-16 Kamena 87 | KIGALI | Munyabera M.<br>Kaberuka U. |
| 4. Ibiyaga | 22-23 Kamena 87 | Nyamasheke | Semutaga<br>Musonera |
| 5. Amajyaruguru | 30-31 Kamena 87 | Ruhengeri | Nyieakaliko<br>Rusatira E. |

Ingingo ya kane

Amatorero arushanwa azaba agizwe n' abana basanzwe banditswe mu mishinga ya BORNEFonden kandi abo bana bagomba kuba bali hagati y' imyaka umunani na cumi n' umunani naho abavandimwe babao ntibagomba kurenza imyaka cumi n' itandatu. Itorero lizaserukira umushinga ntiligomba kurenza abantu 30 mu marushanwa yombi.

Ingingo ya gatandatu.

Abacuranga imperekeza-mbyino, intore cyangwa abakaraza ntabwo bazahabwa amanota ubwabo [ Ahubwo baramutse bakinnye neza bazatuma itorero lishimwa kurushaho.

Ingingo ya kalindwi.

Inteko ishinzwe gutanga amanota mu rwego rw' akarere igizwe n' abantu bakulikira;

- Abahagaraliye ubutegetsi bwa komini imishinga ikoreramo ( Bourgmestre cyangwa Umuyobozi w' urubyiruko no gutsura za Koperative.
- Umuntu uzwiho ubuhanga mu mikino gakondo ya kinyarwanda n' animasiyo no muli muzika utuye mu karere imishinga yaje kurushanwa ikoreramo.
- Umukozi wa CCDFP muli ako karere.
- Intumwa y' ibiro bya BORNEFonden by' i Kigali.

Ingingo ya munani.

Inteko ishinzwe gutanga amanota mu rwego rw' akarere ifite ububasha buhagije bwo gutanga imyanya y' abarushanwa. Mbere y' irushanwa abagiza iyo nteko bagomba kumvikana ku buryo bali buyobore ilyo rushanwa ( reba ifishi yo gutanga amanota).

Imikorere y' inteko ishingira kuli aya mategeko kandi ikubahiliza n' amabwiliza akubiye muli izi ngingo.

Ingingo ya cyenda.

Ibyemezo by' inteko ntibisubirwaho. Nyamara bibili bya gatatu by' abagize inteko basanze zimwe muli izi ngingo hamwe n' izamategeko zitubahalijwe uko bikwiye babimenyesha ubuyobozi bukuru bw' i Kigali bwa BORNEFonden.

Ingingo ya cumi.

Abagize inteko ntibashobora gukina mu matorero arushanwa cyangwa ngo bahe amanota amatorero ubusanzwe babereye abatoza cyangwa abayobozi.

Ingingo ya cumi na limwe .

Nta bujurire abarushanwa bashobora kugira bwerekeye imigendekere y' irushanwa , imitunganyilize yalyo cyangwa ibyemezo bifatwan' igihe cy' umwanzuro.

Ingingo ya cumi na kabili

Umupira w' amaguru ( Football) n' umupira w' intoke (Volleyball); hazakulikiza ayishyirahamwe ly' umupira w' amaguru mu Rwanda n' ishyirahamwe ly' umupira w' intoke mu Rwanda. Ikipe izatsinda muli buli mukino izahabwa igikombe.

1) Umupira w' amaguru uzakinwa n' abahungug gusa naho umupira w' intoke uzakinwa n' ibitsina byombi.

2) Ikipe y' umupira w' amaguru izagirwa n' abakinnyi 11. Abasimbura 3 n' umutoza umwe. Kandi igihe cyo gukina n' iminota 70 hatalimo ikiruhuko cy' iminota 5. Igihe amakipe yombi azaba aguye miswi, hazaterwa za penaliti.

3) Ikipe y' umupira w' intoki izagirwa n' abakinnyi 6, abasimbura 2 n' umutoza umwe. Hazakinwa amaseti atatu ubwo ikipe izagira amaseti 2 izaba aliyo yatsinze.

Ingingo ya cumi na gatatu.

Ku byerekeye ugusiganwa ( athletisme), abakobwa n' abahungu bazasiganwa mu metero zililikira: 100 m; 100m x 4; 400m; 400m x 4; 800m; na 1500 m . Ibihembo bizajya bihabwa ababaye abambere kuko ho nta gikombe kizatangwa.

Muli buli metero umushinga uzajya wohereza abasiganwa babili babili muli buli gitsina.

Ingingo ya cumi na kane.

Muli iyo minsi yombi yirushanwa, ku munsi wa mbere hazaba amarushanwa mu ndilimbo, imivugo na Animasiyo; naho ku munsi wa kabili hazaba irushanwa mu gusiganwa na Volleyball mbere ya saa sita naho nyuma ya saa sita hazaba umupira w' amaguru (Football).
Nyuma yabyose hazaba itangwa ly' ibihembo n' ibikombe kubazaba babitsindiye.

ABAGIZE AKANAMA K' IMIKINO MUBIRO BIKURU:

1. HABYALIMANA JEAN BOSCO / CHAIRMAN OF THE COMMITTEE
2. BAZAMBANZA CHRISTOPHE / SECRETARY
3. MUGEMANGANGO ALI / ADVISOR
4. NKAAKA SCHADRACK / ADVISOR

Bikorewe i Kigali kuwa 21/5/1987

n'

Ubuyobozi bukuru bwa BORNEFonden i

Kigali.